**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KU WA 15/01/2001 YAHUJE NYAKUBAHWA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO, ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA.**

Inama yatangiye i saa tatu n'iminota itanu, iyoborwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'umuco.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :
-Gusoma no gukosora inyandiko-mvugo y'inama yo ku wa 08/01/2001 ;
-Kureba ibyakozwe mu cyumweru cyo ku wa 08/01/2001-13/01/2001 ;
-Gahunda y'icyumweru ;
-Ibintu n'ibindi.

I. GUSOMA NO GUKOSORA INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YO KUWA 08/01/2001

Inyandiko mvugo imaze gusomwa, yemewe uko yari iri ntagikosowe.

II. IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYO KU WA 08/01/2001-13/01/2001

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Bakoresheje inama yo guhuza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari, bafata umwazuro w'uko batangirira ku bikorwa bitashoboye kurangira umwaka ushize ;
- Hakozwe gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'2001 (S.R.A);
- Bakoranye inama n'abahuzabikorwa ya « évaluation » y'uko Amahuriro y'Urubyiruko (Forums des jeunes) yo kurwanya SIDA ameze, basanga mu maperefegitura yose zaramaze kujyaho usibye iya KIBUNGO ;
- Bakoze umushinga w'amahugurwa y'urubyiruko kubyerekeye Imiyoborere Myiza « Good gouvernance » bazashyikiriza MINALOC. Nyakubahwa Minisitiri yasabye ko bagabanya umubare w'urubyiruko bashaka kuzahugura kuko ari munini, bakanareba uko bahuza gahunda yabo n'ibikorwa MINALOC isanzwe iteganije.

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Bateguye imishinga yo kuzakorana na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu mikino inyuranye, bakaba bari bashatse ko

yabasabye ko babanza bagakora umushinga wa perefegitura imwe, byarangira, bakazabona gukomereza no mu yandi ;

- Bateguye inama izahuza Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'umuco n'Amashyirahamwe y'Imikino, bakaba barateganyije ko yazaba mu ntangiriro z'ukwezi kwa kabiri.

UBUYOBOZI BW'UMUCO N'UBUGENI

- Mu rwego rwo kwigisha abanyeshuli ubutwari, hakozwe gahunda yerekeye gusura irimbi ry'Intwari;
- Basuye ikigo ndangamuco cy'igihugu (Centre Culturel National) cy'i ZAZA muri KIBUNGO, bakaba barateganyaga kugifungura ku mugaragaro tariki ya 25/01/2001;
- Hakozwe inyandiko yo gukora ihererekanyabubasha hagati y'Umuyobozi w'Ishami ry'Imikino Gakondo wagiye n'uwamusimbuye, bakaba bari bagitegereje ko uwagiye aza bigakorwa.

MEMORIAL DU GENOCIDE

- Inama yo gutegura umunsi wo kuwa 07 mata 2001 (wo kwibuka abazize itsembabwoko n'itsembatsemba) yarabaye, iyoborwa n'Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni, bakaba barongeye kureba amakomisiyo azakenerwa n'ibyakorwa kuri uwo munsi. Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko ibyo bisanzwe bikorwa buri mwaka, ko bari bakwiriye kureba ikintu gishya cyakorwa, akaba aricyo bunguranaho ibitekerezo ;

- Kujya i KIBEHO mu mirimo yo kwoza amagufwa ntibyakozwe kuko amafaranga yari ataraboneka, Nyakubahwa Minisitiri akaba yarasabye ko bayashaka vuba iyo mirimo igakorwa.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Baherekeje intumwa za « Rhénanie Palatinat » gusura CFJ KAYONZA no kureba aho ibikorwa « Luxembourg Développement » iduteramo inkunga bigeze ;
- Ntibashoboye gusura abasabye gufatanya (partenariat) na Minisiteri yacu mu kwigisha imyuga b'i Byumba (E.E.R) kubera ikibazo cya carburant.

GAHUNDA Y'ICYUMWERU

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Gukorana inama n'abayobozi b'urubyiruko b'amakomini yose y'igihugu no kubakangurira kwitabira amatora.

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Kugirana inama n'amashyirahamwe y'imikino kugirango bategurire hamwe inama bazagirana na Minisitiri ;
- Gukorana inama n'amashuri yisumbuye na Kaminuza kugirango bashyireho ishyirahamwe ribahuza ;
- Gutegura hamwe na Kaminuza y'igihugu « semaine universitaire » yo ku wa 27-28/01/2001

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gukora inama itegura umunsi wo kwibuka abazize itsembabwoko n'itsembatsemba ;
- Gutanga « agenda culturel 2001» mu nzego zose nkuru z'igihugu no mu nzego nshingwamuco.

INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA

- Gutegura umunsi wo ku wa 20/01/2001 wo :
  -Gufungura ku mugaragaro imurika ku iterambere ry'ubukorikori mu Rwanda,
  -Gutaha ishuri ryo kwigisha imyuga.

ISHAMI RY'INKORANYABITABO RY'IGIHUGU

- Gutegura inyandiko isaba inkunga yo kubaka Inkoranyabitabo y'igihugu n'ishyinguranyandiko ry'igihugu yemewe na Minisitiri w'Umuco wa Rhénanie Palatinat.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Kujya i KIBEHO gushyiraho umuyobozi mushya wa CFJ NDAGO no kumwereka inzego z'akarere na « Encadreur » w'akarere CFJ ikoreramo ;

- Kujya i GITUZA (BYUMBA) kureba niba ikigo kigisha imyuga cya E.E.R (Eglise Episcopale du Rwanda) cyujuje ibyangombwa kugirango Minisiteri igihe uburenganzira bwo gufatanya (Partenariat).

IBINTU N'IBNDI

- Nyakubahwa Minisitiri yasabye abo mu ishami rishinzwe ishyinguranyandiko ry'igihugu ko bakwihutisha imirimo yo kubika neza inyandiko zandagaye, bifashishije « étagères » ziri mu Buyobozi bwo Kwigisha Imyuga Icirirtse (Division Logistique) ;
- Ku kibazo cy'abakozi b'abanditsi (dactylographes) Minisiteri y'Imari yavuze ko itazongera guhemba, Nyakubahwa Minisitiri yasabye Umuyobozi w'Imirimo Rusange ko bazarebera hamwe icyakorwa.

Inama yarangiye i saa sita n'iminota makumyabiri n'itanu (12h 25').

Umuyobozi w'inama

NGARAMBE Faransisiko

Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo n'umuco.

Umwanditsi w'inama

TWAGIRAYEZU Innocent

Umuyobozi w'Ishami
ry'Ubunyamabanga Rusange.

| ABAJE MU NAMA | SERIVISI |
| --- | --- |
| 1. RUGAMBA Egide | S.G. a.i |
| 2. MUKIMBIRI Jean | D.C.A |
| 3. NYANSHAYIJA David | D.J |
| 4. Col. MUSITU | Cabinet |
| 5. RUDAHUNGA Gédéon | D. Projet Kavumu |
| 6. NDAGIJIMANA Epimaque | Cabinet |
| 7. RWAGATARE Alphonse | Div. Logistique |
| 8. NDASHYIKIRWA Eugène | Camps de solid. des Jeunes |
| 9. MUKANDOLI Diane | DAAF |
| 10.KAYIJUKA Gaspard | Projet A.F.P |
| 11.TWAGIRAYEZU Innocent | Div. S. Central |
| 12.MUHOZA Christophe | Com. Mémorial du génocide |
| 13.SALAAM J.M.V | Div. Mobil.& Enc. Jeunes |
| 14.RUTAGWENDEKA Fidèle | Div. Folklore & Ballets |
| 15.ABIYINGOMA Ignace | D. S. a.i |
| 16.RURANGIRWA Aaron | Div. Sport scol. |
| 17.BUTOTO Jean | Div. Patr. Culturel |
| 18.GASANA Vincent | Div. Adm.& Gestion CFJ |
| 19.BITWENGE Isaac | Div. Etudes&Planification |
| 20.RUTAGENGWA Philbert | S/Communication |
| 21.BAYINGANA Bonfils | S/Communication |
| 22.SEKUBUMBA Séverin | Bibliothèque Nationale |
| 23.KANIMBA MISAGO | D.M.N.R |
| 24.KIZARI Elias | Div. Archives Nationales |
| 25.NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |

ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI

1. RWIGEMA Paterne
2. HATEGEKIMANA Emmanuel
3. NTIDENDEREZA William
4. RUSIMBI John
5. MUDAKIKWA Jean Marie
6. KANAMUGIRE Louis
7. NSENGAH D.H
8. RANGIRA Joseph
9. MUNYAZIKWIYE Théogène
10. NKUSI Léon Pierre
11. MUSEMAKWELI Jean

ABATARAJE MU NAMA NTA MPAMVU BAFITE ZIZWI

| | |
| --- | --- |
| 1. RUTAYISIRE Alexis | Cellule S.D.K |